COMMISSION EPISCOPALE JUSTICE ET PAIX RWANDA
BP: 4375 Kigali Avenue de la Paix, KN 4 Av. 36 Tél.: (250) 786166743
deskcontact@cejprwanda.org @Rwandacejp
cejprwanda.org CEJP Rwanda
CEJP Rwanda flickr CEJP Rwanda

# Umuhango wo kwakira abasoje inyigisho z'urugendo rw'isanamitima rigamije ubwiyunge n'ubudaheranwa

Intangiriro

Bakristu bavandimwe,

Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 ni icyasha gikomeye ku nyoko ya muntu. Ni agasongero k'inabi n'urugomo umutima n'ubwenge by'umuntu bitabasha kwakira. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ku ikubitiro, Kiliziya Gatolika mu Rwanda yafashe iya mbere mu gufasha umuryango nyarwanda kongera kwiyubaka no gukira ibikomere.

Cyari igihe kigoye kuko Jenoside yahitanye abarenga miliyoni y'abantu. Hasigaye impfubyi n'abapfakazi, abandi bahungira mu bihugu byo muri aka Karere. Byari ibihe by'ubukene, urwikekwe, urugomo n'ibindi byari bibangamiye ubuzima bw'abantu. Uko imyaka yagiye ihita indi igataha, Abepiskopi Gatolika bashyizeho gahunda zitandukanye zijyanye no gufasha abakristu gukira ibikomere no kubana mu mahoro.

Urwo rugendo rukorwa n'abahamwe n'icyaha cya Jenoside n'ibifitanye isano nayo, bahanwe n'amategeko bakaba barangije ibihano byabo, bakiyemeza ku bwende bwabo gusaba imbabazi abo bahemukiye. Barukorana n'abo bahemukiye nabo bakaba biteguye kubaha imbabazi.

Ni urugendo rero rugamije guhimbaza imbabazi nk'icyomoro n'umuti dukeneye twese. Abakoze icyaha begera abo bagikoreye bakabasaba imbabazi, abakorewe ibyaha nabo bashishikarizwa kurenga inabi yabagiriwe, bagatanga imbabazi kugira ngo ubuzima bukomeze kugira icyanga. Ni urugendo rw'inyigisho zitangwa mu mezi atandatu. Muri ayo mezi, biga byinshi bigaruka ku cyaha icyo ari cyo, ubukana bw'icyaha cya Jenoside, uko abantu bishoye muri ayo mabi (responsabilité). Ibiganiro kandi bigaruka ku rugendo rw'imbabazi n'agaciro kazo mu mubano w'abantu.

Twishimiye gusangiza abasaserdoti iyi nyandiko yabamurikira mu muhango wo kwakira abavandimwe bakoze urugendo rw'isanamitima, bakaba basoje urugendo kandi bakiyemeza kugaragariza umuryango w'abakristu imbabazi basabye abandi bakazitanga. Ni byiza ko umuhango w'ubwiyunge ukorerwa mu Gitambo cy'Ukaristiya ariho Kristu yitanga kubera ibyaha by'abantu.

## Liturjiya y'umunsi

> -Nyuma yo kwakira inyigisho no gusuzuma ko abari muri urwo rugendo rw'isanamitima biteguye bihagije, Padiri Mukuru ateganya umwanya wa penitensiya igenewe abakoze urugendo rw'isanamitima iyo ari abakristu gatolika. Iyo harimo n'abandi bo mu yandi madini, basabwa kwisuzuma no kwihana bakurikije uko amadini yabo abibasaba.
>
> -Ni byiza ko abo mu miryango y'abasaba imbabazi n'iy'abatanga imbabazi ndetse n'abakristu ba Paruwasi bitabira uyu muhango, kuko imbabazi ntiziba hagati y'abantu babiri gusa. Ni igikorwa cy'umuryango w'Imana wose.

Uko umuhango ukorwa

1. Umutambagiro wa Misa ukorwa n'abahereza n'abasomyi, abakoze urugendo rw'isanamitima n'abasaserdoti (n'Umwepiskopi).

2. Nyuma y'intangiriro ya Misa, Padiri mukuru avuga muri make gahunda y'uwo munsi agaciro ifite mu mubano w'abantu muri Kiliziya.

3. Nyuma y'inyigisho y'umusaserdoti (Umwepiskopi), hakurikiraho umuhango wo kwakira abantu bakurikiye neza kandi basoje inyigisho z'urugendo rw'isanamitima.

Kubahamagara mu mazina

Padiri wayoboye inyigisho z'urugendo rw'isanamitima cyangwa undi bafatanyije, ahamagara buri wese mu mazina ye abiteguye kwakirwa bakaza bagapfukama imbere ya Altari aho bishoboka. Nyuma yaho, Padiri ahamagara abatanze imbabazi, akabasaba ko baza bagahagarara inyuma y'abo bahaye imbabazi.

Gusabira abasabye imbabazi no kubakira mu muryango mugari w'abana b'Imana

Uyoboye Igitambo cya Misa, aramburira ibiganza abyerekeje ku basabye imbabazi bapfukamye, mu gihe abandi basaseridoti, abatanze imbabazi bose hamwe n'imbaga y'abakristu bateraniye aho baba bahagaze kandi basabira abo bavandimwe.

Mu gihe babasabira, Uyoboye Igitambo cya Misa avuga aya magambo akurikira :

Bavandimwe, twahambanywe na Kristu muri Batisimu tubikesheje iyobera rya Pasika, kugira ngo tubane na We mu bugingo bushya.

Ubwo rero murangije izi nyigisho z'urugendo rw'isanamitima ku bumwe n'ubwiyunge, mbere yo kwakirwa mu muryango mugari w'abana b'Imana ; nimucyo tubanze dusubire mu masezerano ya Batisimu ntagatifu.

Muzi neza ko twasezeranye guca ukubiri na Shitani n'ibikorwa byayo byose, maze tukarahirira Imana kuyibera abayoboke bazima.

Uyoboye: Bavandimwe nkunda, Imana yaturemanye twese urukundo mu ishusho yayo no mu misusire yayo. Ubwicanyi muri rusange na Jenoside ni uguhakana ubuvandimwe, ni ukwirukana isura y'Imana mu bavandimwe bacu. Nyagasani atubuza kwica umuntu cyangwa kumukorera ikibi icyo ari cyo cyose cyatuma atakaza ubuzima bwe.

Musezeranye kutazigera mwongera kugirira nabi abavandimwe banyu?

Bose: Turabisezeranye

Uyoboye : Imana yabatoye ni Yo yatumye muza hano. Mwahisemo gusenga no gukorera Imana imwe, hamwe n'Umwana wayo Yezu Kristu. Ngaho rero, imbere y'ikoraniro ryose, nimwange imigirire yose iciye ukubiri n'Imana nyakuri. Musezeranye ko mutazigera muhemukira Yezu Kristu muri bagenzi banyu?

Bose: Turabisezeranye.

Uyoboye: Yezu Kristu ni We Mutabazi wenyine kandi nyakuri, wapfiriye abantu bose, hanyuma akazuka, kandi agasezeranya abamwemera bose ikuzo n'ubugingo bw'iteka mu ngoma y'ijuru. Musezeranye rero ko mutazigera muhemukira Yezu Kristu ngo mwiruke inyuma y'uwabashukisha ibintu bikaba byabajyana kure y'abavandimwe banyu?

Bose: Turabisezeranye.

Uyoboye: None rero, mwanze Shitani n'ibyayo byose n'ibyo iduhendesha ubwenge byose?

Bose : Turabyanze.

Uyoboye: Mwemera Imana Data, Ushobora byose, waremye ijuru n'isi?

Bose: Turamwemera.

Uyoboye: Mwemera na Yezu Kristu Umwana we w'ikinege n'Umwami wacu, wabyawe na Bikira Mariya, akababara, agapfa, agahambwa, akazuka mu bapfuye, none akaba yicaye iburyo bw'Imana Data?

Bose: Turamwemera.

Uyoboye: Mwemera na Roho Mutagatifu, na Kiliziya Gatolika Ntagatifu, ubumwe bw'abatagatifujwe, n'uko abanyabyaha babikizwa, n'izuka ry'imibiri yacu, n'ubugingo buzahoraho iteka ?

Bose: Turabyemera.

Uyoboye: Imana ikiranutse ku mbabazi niduhumurize twese, itubanishe mu mahoro no mu rukundo ruzira uburyarya, itwereke inzira y'ubuvandimwe nyakuri kandi idukomeze mu bukristu.

Bose: Amen

Hakurikiraho isengesho ryo gusabira no kugangahura abahawe imbabazi

*Amazi y'umugisha*

Abakiriwe n'abatanze imbabazi bose baterwa amazi y'umugisha, nk'icyuhagiro n'ikimenyetso cyo kwivugurura no guhinduka bashya mu rugendo rw'ubuvandimwe.

Uyoboye: Amazi ni ikimenyetso cy'ubuzima, nabahanagureho ubwandu bwose kandi abagire bashya ku mubiri no kuri roho kandi abahurize mu bumwe bw'abana b'Imana".

Bose baterwa amazi y'umugisha, mu gihe abaririmbyi batera indirimbo ijyanye n'uwo muhango.

Nyuma yo guterwa amazi y'umugisha, hakurikiraho iri sengesho:

*Dusabe :*

Nyagasani Mana ishobora byose, Se wa Yezu Kristu Umwami wacu, We waduhaye kuvuka bundi bushya ku bw'amazi na Roho Mutagatifu, kandi akadukiza ibyaha byacu byose, arajye aturwanaho, adufashishe ingabire ze, maze tuzagere mu bugingo bwiteka.

Ku bwa Kristu Umwami wacu. Amen

*Isengesho ryo kwakira abahawe imbabazi*

*Uyoboye imihango n'abapadiri bose hamwe n'imbaga y'abakristu baramburira ibiganza ku basabye imbabazi. Bo baba bapfukamye. Ni ikimenyetso kigaragaza ko umuryango w'abakristu ubakiriye kandi ubababariye.*

Nyagasani Mana yacu, Mubyeyi w'impuhwe nyinshi kandi Nyir'imbabazi, dore turi imbere yawe tugutakambira ngo ugire impuhwe n'imbabazi, wakire aba bana bawe bakoze icyaha cya Jonoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha bifitanye isano nayo mu Rwanda. Bararengereye, igihe bakoreshaga nabi ubwigenge wabahaye, bagahemukira abavandimwe babo, umuryango nyarwanda na Kiliziya yawe. None rero, Dawe Mubyeyi, gira impuhwe ubavugurure, bongere babe muntu mushya.

Irukana mu mitima yabo irondabwoko, amacakubiri, urwango, ishyari, ingengabitekerezo ya Jenoside, inzigo n'inzika. Bahe umutima mushya na Roho nshya, babeho bamurikiwe na Roho wawe, kandi ntibazongere

kwibagirwa ko twese turi abavandimwe. Nyagasani, Mana yacu, bahe ingabire y'urukundo, ubasubize amahoro y'umutima, bongere banezezwe no kwitwa abana bawe n'abavandimwe b'abo bahemukiye.

Nyagasani Yezu Kristu, wowe wagize uti "Bose babe umwe", ongera wubake ubumwe mu miryango yahemutse n'iyahemukiwe mu muryango nyarwanda. Omora ibikomere byose twasigiwe n'amateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo, ukize imitima yakomerekejwe n'icyaha ndengakamere cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Uduhe twese umutima wakira kandi ukunda buri wese, twese tube intumwa z'amahoro, twubake ibiraro by'amahoro aho gushyiraho inkuta zidutanya.
Bikira Mariya Mwamikazi w'urukundo n'amahoro, tukweretse aba bavandimwe bateye intambwe yo kwiyunga nabo bahemukiye, basabire ingabire y'ubutwari kugeza n'aho bakwemera gupfira ukuri aho kwongera guhemukira abavandimwe babo no kwihakana isura y'ubumwe bw'abana b'Imana dufitanye twese.

Tubisabye ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. R/Amen

Guhabwa urumuri ku basabye imbabazi n'abazitanze

Uyoboye umuhango abacanira urumuri akarubashyikiriza avuga ati:

"Mwakire uru rumuri, rubibutsa batisimu mwahawe mubatizwa kandi rujye rubaranga muri ubu buzima bushya mutangiye muri Kiliziya Gatolika no mu muryango nyarwanda, muharanire kuba abahamya b'ineza n'amahoro mu bavandimwe banyu".

Isengesho risoza umuhango wo kwakirwa

*Dusabe:*

Nyagasani Mana yacu, Wowe Mubyeyi wita ku bantu bose, gira ibambe, maze uko wahaye aba basoje inyigisho z'isanamiima ku bumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa kugira inkomoko imwe, abe ari nako ubafasha kwibumbira mu muryango umwe uganjemo amahoro, bahore bunze ubumwe burangwa n'umutima wa kivandimwe. Ku bwa Yezu Kristu Umwana wawe n'Umwami wacu. Amen.

Imbaga y'abakristu yakirana ibyishimo abasoje inyigisho z'isanamitima, mu mashyi n'impundu.

Hakurikiraho amasengesho rusange yateguwe, yo gusabira abantu bose cyane cyane abakoze urugendo rw'isanamitima.

Misa ikomeza uko bisanzwe

## Umwanzuro

Urugendo rw'ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa ni urugendo rw'imbabazi. Imbabazi zirabohora kandi zirakiza. Kwigisha imbabazi n'ubwiyunge ni ubutumwa bw'ibanze bwa Kiliziya. Pawulo Mutagatifu aratubwira ati: „*Ubu rero duhagarariye Kristu, ku buryo Imana ubwayo ari yo ibahamagara ari twe ikoresheje. Ngaho rero turabinginze mu izina rya Kristu: Nimwemere Imana ibigarurire*" (2 Kor 5,20). Twibutswa ko ubwiyunge burenga amakimbirane, bugarurira abantu agaciro batakaje kandi bugafasha abantu kubona inzira ibageza ku iterambere no ku mahoro arambye mu nzego zose (Africae munus, 21).

Abasaserdoti rero bategure neza abifuza kwinjira muri uru rugendo rw'imbabazi kugira ngo bitange umusaruro nyakuri.

©Commission Episcopale *Justice et Paix* Rwanda
Kigali, 2024